

# ***GUTABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA***

**Icyumweru 5 - Iminsi 100 y'amasengesho**

**Ku ya 24 - 30 Mata 2020**

## ***HAHORA HAKINGUYE***

**Byateguwe na: Randy Maxwell**

Iminsi yo ku wa mbere w'isabato ishize, Suzette na njye twari turambiwe kuguma mu nzu maze dufata umwanzuro wo kujya mu modoka tukerekeza mu nzu icururizwamo muri Renton, Washington, aho dutuye. Iyo nzu irimo amaduka, aho bagurishiriza ibyo kurya (Resitora), ibikorwa binyuranye, n'icyumba kinini kirimo ahantu henshi berekanira amashusho ya videwo.

Iduka bacururizagamo indorerwamo z'amaso nashakaga gusura ryari ririho ikimenyetso ku muryango kivuga ko kubera COVID-19 hafunze kugeza ubwo bazahabwa andi mabwiriza. Ariko iryo siryo ryonyine ryari rihari. Twakomeje kugenda tugera ku iduka ryitwa Ross store (Rosi sitowa) dusanga hakinze. Tugera ku iduka ryitiriwe Dike ricururizwamo imyambaro y'imikino naho dusanga hakinze. Hanyuma twerekeza ku rya Marshall, dusanga naho hakinze. Tugiye ku isoko mpuzamahanga dusanga naho hakinze. Aho Imodoka zihagarara hari nk'umujiy wabaye ikidaturwa. Virusi itabasha kubonwa n'amaso yagaragazaga ububasha bwayo bituma imodoka n'abaguzi batongera kuhahagarara. Mu minsi mike mbere yaho, Guverineri Jay Inslee (Soma Jeyi Insili) yari yatanze itegeko ryo kuguma mu rugo ryatumye mu ntara yose ya Washington (Washingtoni) hafungwa. Ubwo rero ni mu gihe iri tegeko ririho ndi kwandika iki cyigisho. Niyo mpamvu nanejejwe cyane n'uburyo Yesu yahuye n'umuntu wari wuzuye gushidikanya ariko yashakishaga uburyo yamenya ukuri ari we witwa Nathanael.

Igihe Yesu yerekezaga i Galilaya, mu nzira yahuye na Filipino amusaba kumukurikira. Ariko Filipino abanza kujya gushaka inshuti ye Natanayeli, aramubwira ati: "Twabonye uwo Mose yanditse mu mategeko, akaba ari nawe abahanuzi banditse ariwe Yesu w'i Nazareti mwene Yozefu." (Yohana 1:45).

Mu kuvuga Nazareti byatumye Natanael hari icyo muriwe abitekerezaho nk'icyo abantu bafite mu ntekerezo zabo kuri coronavirusi yatumye ibintu byose bihagarara birafunga. Natanayeli yarabajije ati "hari icyiza cyava i nazareti?" Dushobora kubaza tuti:" hari icyiza cyava kuri coronavirusi? Uhereye kubitagenda neza no guhungabana bikomoka ku guhana intera? Bitewe no kuba amatorero adashobora guteranira mu nsengeru zabo basanzwe basengeramo? Ariko rimwe na rimwe ibintu byiza biva ahantu habi cyangwa mu bunararibonye.

Nathanael, mu ruhande rwe yashubije ubutumire bwa Filipino wamubwiye ati: "Ngwino turebe" Bahita bajyana. Maze Yesu abona Natanael aza amwegera aramubwira ati: "Hano hari Umwisiraheli nyawe, nta kinyoma kimurangwamo."

"Natanayeli arabaza ati:" Wamenye ute? Yesu aramusubiza ati: "Filipo ataraguhamagara, ubwo wari muni y'umutini narakubonye." Yohana 1:48 Ako kanya, kwizera gufungura ibitekerezo bya Natanayeli byari bifunze maze arahamya ati "Rabi, uri Umwana w'Imana koko ni wowe Mwami w'Abisirayeli." (Umurongo wa 49)

"Yesu aramusubiza ati: 'Mbese wijejwe nuko nkubwiye yuko nakubonye uri muni y'umutini? Uzabona ibiruta ibyo kandi arongerera aramubwira ati:"Ni ukuri ni ukuri ndababwira ko muzabona ijuru rikingutse, abamarayika bazamuka bavuye ku mwana w'umuntu, bakamumanukiraho." (Umurongo wa 50-51)

Mu gihe Yesu yabatizwaga, "ijuru ryarakinguwe," Imana isiga amavuta kandi iha umugisha Umwana wayo. (Reba Mat. 3: 16-17.) “Hano Kristo avuga rwose ati: 'Ku nkombe ya Yorodani ijuru ryarakinguwe, Umwuka wera amanukira kuri jye afite ishusho y'inuma. Ibyo byabaye byari ikimenyetso gusa ko ndi Umwana w'Imana. Niba unyizera gutya, kwizera kwawe kuzashikama. Uzabona ko ijuru ryakinguwe kandi ntirizigera rifungwa. Narikinguye ku bwanyu. Abamarayika b'Imana bazamuka, bajyanye amasengesho y'ibyo mukeneye kandi bababaye imbere ya Data wo mu ijuru, bakamanuka, bazanye imigisha n'ibyiringiro, gutera ubutwari, gutanga ubufasha, n'ubuzima ku bana b'abantu. ” (Icyifuzo cy'imyaka, p. 142, 143)

Haleluya! Ijuru rirakinguye! Ijuru rihora rifunguye, kandi ntakintu na kimwe cyaba urwikekwe, cyaba gushidikanya, cyaba COVID-19, cyaba kuguma mu rugo, cyaba abadayimoni, nta burebure cyangwa ubujyakuzimu, cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose mu byaremwe gishobora gufunga imiryango y'ijuru. (Reba Rom. 8:39.) Kandi bisobanuye iki kuvuga ko ijuru rikinguye? Bisobanura ko wowe na njye dufite uburenganzira bwuzuye kandi busesuye ku kintu cyose kiri mu ijuru kandi "ububiko bwaho buri gihe buba burimo ikintu cyose dukeneye.

## **Ni iki kiri mu bubiko bwo mu ijuru?**

-Ikintu cyose dukeneye mu buzima no kubaha Imana (2 Pet. 1: 3).

-Imbuta z'Umwuka wera (Gal. 5:22, 23).

-Intwari zuzuye z'Imana (Abefeso 6: 14-17).

-Amasezerano menshi akomeye kandi y'agaciro (2 Pet.1: 4).

-Kuvuka bundi bushya mu byiringiro bizima (1Pet. 1: 3-5).

-Ubwenge bwa Kristo (1 Kor. 2:16).

-Umugisha wose ukomoka kuri Mwuka muri Kristo (Abefeso 1: 3).

Ijuru rirakinguye kandi Yesu yaduhaye imfunguzo z'ubwami bwo mu ijuru (Mat. 16:19). Isengesho ni urufunguzo. Abamarayika ni abakozi bo mu ijuru b'abanyembaraga mu gutwara amasengesho yacu kuri Data wa twese no kumanuka kwabo bituma tugerwaho n'imigisha dukeneye, ibyiringiro, ubutwari, ubufasha ndetse ni n'ubuzima kuri twe.

Dushobora kuguma mu rugo, basketball ishobora guhagarikwa igafungwa, umupira w'amaguru ushobora guhagarikwa ugafungwa, za resitora zishobora gufungwa, ndetse n'insengero zacu zishobora gufungwa mu gihe gito, ariko Ijuru rihora rifunguye. Naho rero ntutinye. Yesu aravuga ati: "Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora" Yohana 14:14. Noneho, "asama cyane nduzuza akanwa kawe." Zab. 81:11 b

Iyi Coronavirusi ntishobora guhagarika Imana. Ongera ibihe byawe by'amaseshesho, kuko Ijuru rihora rikinguye.

**IBIBAZO BYO KUZIRIKANA:** Mbese ububiko bwawe bwo mu ijuru nta kintu wahunitsemo kubera guhugira mu mirimo ujya ukora (business) no mu bibazo byo muri ubu buzima muri iki gihe cy'imyaka mike ishize? Nyamara ahari haba hari ibyo ijuru ryiteguye kukugezaho ku buntu kubw'ibyo ukeneye guhunika. Ikigeretse kuri ibyo, niba ushobora gusaba impano iyo ari yo yose ya Mwuka kugira ngo ikubashishe gutsinda mu kintu runaka, cyangwa guhabwa indi mpano y'umugisha, wowe urumva muri ibi wasabi iki? Tekereza kuri ibi bibazo mu minota mike.

**INZITIZI Z'INGENZI ZO KUZIRIKANA:** Kuki utafata umwanya wo kwandika ibintu wumva ukeneye muri iki cyumweru - hanyuma ukareba amasezerano yihariye aboneka muri Bibiliya aho Imana itubwira ko izaduha ibyo dukeneye mu byo tuzasaba. Ashobora kuba amafaranga yo kwishyura fagitire. Ushobora gusaba

imbaraga mu by'Umwuka aho wagize intege nke. Tangira usabe gusohora kw'amasezerano y'Imana mu gihe usenga.

“Si ngombwa kugera ku mpera z’isi ushaka ubwenge, kuko Imana iri bugufi bwawe. Ntabwo ari kubw’ubushobozi ufite ubu cyangwa mu gihe kizaza buzatuma ugera ku ntsinzi; ahubwo izaboneka kucyo Uwiteka ashobora kugukorera. Tugomba kugira icyizere gike mubyo umuntu ashobora gukora ahubwo tukagira icyizere cyinshi mu byo Imana ishobora gukorera buri muntu wese uyizera kuko ikeneye cyane ko ubibona binyuze mu kwizera. Yifuza cyane kugukorera ibikomeye birenze cyane ibyo wibwira. ”

(Christ Object lessons, p. 146)

## **Umunsi wa 29 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu w’isabato 24 Mata 2020**

**RAPORO YO GUSHIMIRA!** icyiciro cy’urubyiruko muri Diviziyo ihuza ibihugu by’iburayi n’Aziya, i Mosiku mu gihugu cy’Uburusiya, cyateguye irushanwa ry’amasengesho yo gusengera urubyiruko binyuze kuri Zoom vuba aha. Abitabiriye amarushanwa bari abo muri Diviziyo yose bibandaga cyane ku mbaraga z’Imana mu buryo Imana ibitaho ikita no ku masengesho yabo. Imana ihabwe icyubahiro.

### **IBYO DUSABIRA**

1. Gusabira urubyiruko rwacu ku isi yose kugira ngo ruzakomeze gushakisha uburyo bwo guhuriza hamwe mu masengesho no kwiga Bibiliya. Basabire kugira ngo ubumenyi bazungukira mu mubano wabo na Kristo mu gihe cy’iki cyorezo we kuzagera ku musozo ahubwo na nyuma uzakomeze.

2. Gusabira ababyeyi bari ku rugamba rw'imyigire y'abana babo no gufasha abarimu mu burezi bukoresha ikoranabuhanga muri iki gihe cy'icyorezo. Sabira ababyeyi kugira ubwenge n'ubutwari.
3. Gusabira abanyeshuri bagombaga kurangiza amashuri yisumbuye na za kaminuza muri uyu mwaka batazayarangiriza ku gihe. Basabire kwihangana, kudacika intege kandi bagire icyerekezo cyiza cyo gutegura ahazaza habo heza.
4. Gusabira abayobozi b'icyiciro cy'urubyiruko, abarezi, abarimu ngo bagire ubuzima bwiza n'imbaraga mu mirimo bakora. Sabira kandi abandi bakozi bita ku rubyiruko rwacu muri iki gihe cy'icyorezo.
5. Gusengera umuryango w'ivugabutumwa witwa: "Handitswe ngo" ufite gahunda yo kwamamaza ivugabutumwa kuri interineti mu nsanganyamatsiko iragira iti: "Ibyiringiro Bikangura" ubu bakaba baramaze gutangira. Bayafitemo imbogamizi nyinshi kandi tuzi neza ko umwanzi akora amasaha y'ikirenga y'ubutaruhuka kugira ngo iyi gahunda idakomeze. Komeza usenge kuzageza igihe iyi gahunda izasoreza. (Kugira ngo umenye byinshi wasura: <https://www.discoverhopeawakens.com>).
6. Gusengera abaganga b'inzobere, abaforomo, abashinzwe umutekano n'abandi bari ku rugamba rwo kurwanya Coronavirusi mu gihugu cy'U Rwanda, saba Imana ngo ikize abarwayi bari Kanyinya n'I Nyamata bamaze gufatwa n'icyo cyorezo.

**Umunsi wa 30 - Kwibanda ku masengesho – ku Isabato, 25 Mata**

**2020**

**Senga ukurikije ubushake bw'Imana**

“Kandi iki nicyo kidutera gutinyuka imbere ye: Ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk’uko ashaka” 1Yohana 5:14

“Mu isengesho risenganywe kwizera harimo siyansi mvajuru. Ni siyansi aho umuntu wese wageze ku ntsinzi y’umurimo mu buzima bwe agomba gusobanukirwa neza. Kristo aravuga ati:” Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona”. Mariko 11:24. Yerekana neza ko ibyo dusaba bigomba kuba bihuje neza n’ubushake bw’Imana; tugomba gusaba ibintu bishingiye mu masezerano, kandi ibyo twakiriye byose bigomba gukoreshwa mu gusohoza ubushake bwayo. Iyo Ibisabwa byujwe, nta gushidikanya isezerano rirasohora. Ntitugomba gukenera ibihamya by’umugisha n’impano iri mu masezerano, kandi dushobora gukomeza imirimo yacu twizera ko ibyo Imana yasezeranye ko izabisohoza, kandi ko impano dusanzwe dufite izashyirwa mu bikorwa igihe tuzaba tuyikeneye cyane. ” Educationi, p. 258

## **Ibibazo byo kuzirikana**

Waba warigeze gusengera ikintu uziko kitagendanye n’ubushake bw’Imana ariko ukaba waragishakaga kandi ari kibi cyane ukaba warakomeje kugisengera uko byagenda kose? Akenshi usanga ibyamaze kuba bisobanuka cyane kuruta kumva ibizaba mu gihe kizaza. Kuki utafata umwanya muto uyu muni ngo usubize amaso inyuma kandi ushimire Imana kubw’amasengesho yihariye wasenze ariko ntiyabonerwa ibisubizo, kuri ubu ukaba ubona ko ntacyo byari bikumariye?

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Nubwo muri iki gihe twabuze abacu bitewe n’icyorezo cya COVID-19, hari n’abandi barwayi twasengeye cyane dusaba Imana ngo ibakize ariko ubu bakaba baramaze gukira. Reka rero dushimire Imana ibyo

yakoze. Reka kandi dukomere kuri aya magambo: "Ibyiringiro by'umugisha" nk'uko twizera Imana ariko tugahura n'ibihombo tutabasha gusobanukirwa.

## **IBYO DUSENGERA**

1. Gusengera abantu batuye mu gice cya Chattanooga Tennessee (soma Katanoga Tenesi) muri Leta zunze ubumwe z'Amerika baherutse guhura n'umuyaga mwinshi uvanze n'imvura byari biteye ubwoba. Benshi amazu yabo yarasenyutse ndetse bamwe bahatakariza ubuzima, none muri iki gihe cy'icyorezo cya COVID-19, bahanganye no gutoragura ibyangiritse.
2. Gusabira abantu baba mu bihugu bikennye batashoboye gukora. Kubasabira kubona ubufasha bw'ibyo kurya n'ibyo abizera b'amatorero yo muri ibi bihugu bakeneye.
3. Gukomeza gusabira abashinzwe ubuzima babigize umwuga bakomeje guhangana n'iki cyorezo. Gusaba ngo ubuzima bwabo bugire umutekano Imana ibatsindire COVID-19, kandi bahumurizwe mu mitima yabo mu gihe bahanganye n'umunaniro n'ibibazo by'iki cyorezo.
4. Gukomeza gusengera imiryango yigenga, hamwe n'ubucuruzi buciriritse byahuye n'ibibazo by'umutungo kubera gahunda ya guma mu rugo. Saba kugira ngo haboneke ubufasha n'ubwenge bwo kwiga uburyo bwo gutera imbere
5. Gusabira abayobozi ba leta ngo Imana ibungure ubwenge bwo kugira ngo bamenye uburyo n'igihe gikwiye cyo gufungura mu rwego rwo guteza imbere ubukungu.



6. Gusengera imiryango yabuze ababo muri iki gihe cy'imvura nyinshi, n'inkuba zagiye zikubita, n'abo inkangu zangirije imyaka ndetse amazu agasenyuka.

## **Umunsi wa 31 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa mbere w'isabato, 26 Mata 2020**

### **Senga kandi ubone ijuru rinyeganyega**

“Jyeweho nzambaza Imana, Uwiteka azankiza. Nimugoroba no mu gitondo no ku manywa y'ihangu, nzajya nyiganyira niha, nawe azumva ijwi ryanjye. Yacunguriye ubugingo bwanjye amahoro kugira ngo batanyegera kuko abandwanyaga ari benshi”  
Zab. 55: 17-19

“Isengesho ni uburyo bwashyizweho n'ijuru butubashisha kubaho imibereho itsinda. Ariko isengesho rinyeganyezwa ijuru ni irisenganywe kwizera ndetse no kwiringira Imana, kuko bitanga imbaraga mvajuru, ihesha agaciro ibyo umuntu akora. Umuntu ujya aho Imana ibasha kumumurikira, akomeza kujya mbere. Bimeze nko kuva mu gihe cy'urwijiji-umuseke utambitse kugeza ku manywa mu mucyo witangaza.” In Heavenly Places, p. 75

### **Ibibazo byo kuzirikana:**

Ni ikihe kintu kidashoboka cyane usengera ngo Imana izagikore? Mbese ni ukuzana ubwiyunge hagati yawe n'umuntu ukunda? Mbese ni ukongera guhuza umuryango wasenyutse cyangwa se ni ukugarura umwana mu kwizera? Andika ibintu byose wumva bigoranye gusengera biri ku mutima wawe uyu munsi, hanyuma ku ruhande rw'ibyo byo gusengera, wandikeho amasezerano yihariye avuye mu Ijambo

ry'Imana. Tangira usaba amasezerano akurikira: Mariko 10:27, Luka 18:27, 1 Yohana 5:14

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Turashmira Imana ko ikiturinze muri iki gihe cy'icyorezo cya COVID-19. Reka gahunda ya guma mu rugo izabe igihe cyo kwiyunga mu miryango yacu, kandi twizere ko Imana igiye kudukorera igitangaza cyo gukiza abantu benshi bamaze gufatwa n'iki cyorezo.

1. Gusengera abizera b'itorero bo hirya no hino mu bihugu bitandukanye bya Afurika, ibirwa bya Karayibe, ndetse n'ibihugu byo muri Amerika yo hagati no mu majyepfo mu gihe barwanya icyorezo cya Coronavirusi.
2. Gusengera abizera musengana mu itorero ryanyu ndetse n'umuryango wahuye n'ikibazo cy'ubukungu. Senga kugira ngo ibyo bakeneye bibonerwe ibisubizo.
3. Saba kugira umutima utangana ubuntu mu gihe ubasha kuba ufite amikoro. Senga kugira ngo twe nk'umuryango w'itorero duhurize hamwe mu gufasha abavandimwe bacu bakeneye ubufasha.
4. Gusaba Imana ngo ibane natwe mu mwanza w'amasengesho, atari ukugira ngo iduhe ubufasha n'imigisha gusa, ahubwo icyifuzo cyacu gikomeye kibe icyo kumenya Imana by'ukuri.
5. Gusaba kugira ngo abizera b'itorero ku isi yose bakoreshe iki gihe kugira ngo basangire ubutunzi bukomeye bw'iby'umwuka. Gusabira umuryango w'ivugabutumwa ufite insanganyamatsiko "Ibyiringiro by'umugisha", cyangwa ibindi byo kurya by'umwuka byo gufashisha inshuti n'abavandimwe bafite ibyo bakeneyemo ubafasha.

6. Muri iki gihe twibuka ku nshuro ya 26, genocide yakorewe abatutsi mu 1994 Gusaba Imana ngo Genocide ye kuzongera kubaho ukundi kandi “Twibuke twiyubaka”

## **Umunsi wa 32 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa kabiri w'isabato, 27 Mata 2020**

### **Gusabira amasezerano**

“Kuko imbaraga z’Ubumana bwayo zatugabiye ibintu byose bizana ubugingo no kubaha Imana, tubuheshejwe no kumenya neza uwaduhamagarishije ubwiza bwe n’ingeso ze nziza, ibyo nibyo byatumye aduha ibyo yasezeraniye by’igiciro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y’Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza.”

2 Pet. 1: 3-4

“Buri sezerano ryose ryo mu Ijambo ry’Imana ni iryacu. Mu masengesho yawe, erekana amasezerano y’Imana kandi kubwo kwizera usabe gusohora kw’amasezerano yadusezeraniye. Ijambo rye riduhamiriza neza ko nidusabana kwizera izadusesekazaho imigisha yose yo mu by’Umwuka. Komeza usabe, kandi uzahabwa byinshi birenze ibyo usaba cyangwa utekereza. Imenyereze wowe ubwawe kugira kwizera gushyitse mu Mana. Mwikoreze imitwaro yawe yose kuko akwitaho. Tegereza wihanganye, na we azabisohoza. ” In heavenly Places, p. 71

**Ibibazo byo kuzirikana:**

Bisobanura iki kwiringira Imana n'Ijambo ryayo mu buryo butagira iherezo? Niba buri sezerano ryose ryo mu Ijambo ry'Imana ari iryacu, nkuko twabibwiwe, ni ukubera iki dukunze kwanga gukomera ku Mana n'Ijambo ryayo? Ni ubuhe buryo bumwe na bumwe dushobora guhindura amasengesho yacu yo gushidikanya maze tukajya dusenga amasengesho dufite kwizera? (Soma muri Yohana 6:37, Abaheburayo 11: 6, na Rom. 10:17)

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Turashimira Uwituka kuba yarakemuye ibibazo bya tekini by'umuryango w'ivugabutumwa "Handitswe ngo" bafite insanganyamatsiko igira iti: "Ibyiringiro by'Umugisha"Turakomeza Gusaba Imana ngo ibarinde kandi ibahe ibyo bakeneye byose.

1. Gusabira Abantu bose bari gukurikana gahunda y'Umuryango w'ivugabutumwa witwa "Handitswe ngo" ufite insanganyamatsiko ivuga ngo "Ibyiringiro by'umugisha. Kubasabira ngo iri jambo rizatume imitima y'abantu ihinduka kandi hazaboneke benshi bihana.
2. Gusabira abantu bose bari guhangana n'icyorezo cya COVID-19. Basabire ngo Imana ibakize mu buryo bw'umubiri no mu by'Umwuka.
3. Gusabira abakozi bose b'ingenzi bari ku ruhembe rw'imbere, uhereye ku bakozi bo mu buvuzi kugeza ku bantu bafite amaduka acuruza ibiribwa, n'abandi bakora akazi ko kugemura ibintu byose bikenewe. Basabire guhora mu biganza by'Ishobora byose mu gihe bafasha abantu bose babagana kandi Imana ikomeze ibafashe kugira ngo imirimo bakora ikomeze gutera imbere.
4. Gusabira abageze mu za bukuru baba mu bigo byita ku bageze mu za bukuru aho umuryango bakomokamo udashobora kubasura. Bamwe muri bo ntibarasobanukirwa neza n'impamvu badasurwa. Basabire ngo Ubuntu bw'Imana bubane nabo.

5. Gusabira abantu bose bafite ibibazo by'amaganya, ubwoba, cyane cyane abibana, Niba uzi umuntu ufite kimwe muri ibi bibazo, Saba Imana uburyo bwo kubafasha no kubitaho mu buryo bwiza kandi bukwiye kandi twirinda icyi cyorezo cya Coronavirusi.

## **Umunsi wa 33 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatatu w'isabato, 28 Mata 2020**

### **Gusaba kubaturwa**

“Nashatse Uwiteka aransubiza, ankiza ubwoba nari mfite bwose. Abamurebyeho bavirwa n'umucyo, mu maso habo ntihazagira ipfunwe iteka. Uyu munyamubabaro yaratatse Uwiteka aramwumva, amukiza amakuba n'ibyago bye byose. Marayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha akabakiza.” Zab. 34: 5-8

“Iyo dufite kwizera guke, dukumira Uwera wa Isiraheli. Tugomba gushimira Imana yiyemeje gukoresha uwo ariwe wese muri twe nk'igikoresho cyayo. Kuri buri sengesho risenganywe kwizera ku kintu icyo aricyo cyose, iryo sengesho rizasubizwa. Rishobora gusubizwa mu buryo butari bwitezwe ariko igisubizo kikazaza atariko wenda wabitekerezaga, ariko kikaza mu gihe tuzaba tugikeneye cyane.” Gospel workers, p. 92. Uwiteka aduha ibyo dukeneye.

### **Ibibazo byo kuzirikana:**

Ahari iyo urebye abantu bagukikije aho utuye, ubona bari ku rugamba rwo kwizera kwabo. Ni Kuki utatekereza inzira zifatika wakoresha zo gusangira kwizera kwawe

n' umuvandimwe cyangwa mushiki wawe ufite ibyo akeneye. Ahari mwafatanyaga kwiga igitabo cyiza (cyangwa ukamurangira igitabo cyiza cyo gusoma) kimwubaka mu kwizera nk' amagambo avuga ngo "Abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe" cyangwa ngo "Igitangaza kimwe kizavaho haza ikindi." Iyo twitegereje uburyo Imana yakoze ibitangaza mu buzima bw'abandi, bikwiye gutuma natwe tugira ibyiringiro bishyitse mu buzima bwacu uyu muni. Cyangwa wenda ufate urupapuro wandikeho amasezerano aboneka muri Bibiliya hanyuma uyahe umuntu yafasha mubyo akeneye ibisubizo. Niba kandi ntawe uzi Saba Imana ikwereke uwo wafasha.

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Muri Filipine, kubera iki cyorezo, hari abasore babarirwa mu magana basengera hamwe buri muni bakoresheje uburyo bwo guhuza umurongo wa telephone (Zoom), kandi imitima ya bamwe muri bo imaze guhinduka kandi biyeguriye Yesu. Turashimira Uwituka kubw'umwuka w'amasengesho umaze gukwira hose. Benshi barashaka cyane gusobanukirwa byimbitse Ijambo ry'Imana.

1. Gusengera umukuru w'intara ubarizwamo. Saba Imana imukomereze mu murimo yamushinze, imurinde, kandi mu buryo bukomeye imusesekazeho Umwuka Wera.
2. Gusabira abayobozi b'itorero mu nteko nkuru rusange: abayobozi bakuru, abayobozi b'ibyiciro byose n'abandi bakozi. Saba Imana ngo ibongerere ubwenge mu gihe bashaka kuyobora no guteza imbere umurimo muri ibi bihe by'icyorezo.
3. Gusabira by'umwihariko Pr.Ted Wilson umuyobozi mukuru w'inteko nkuru rusange, GT. Ng, umunyamabanga, na Juan Prestol, umubitsi. Mubasabire

ubwenge budasanzwe, mubasabire uburinzi bw'imiryango yabo, n'imbaraga ya mwuka wera muri iki gihe cy'icyorezo.

4. Gusaba Imana ngo iyobore itorero ryacu mu kerekezo cyiza cy'ahazaza. Gusaba Imana ngo he kugira igihe na gito dupfusha ubusa cyo gusangira n'abandi urukundo rwa Kristo n'ukuri kwiza nk'uko kuboneka mu byahishuwe 14 na 18, kugira ngo dufashe abantu bo muri iki gihe cya none..
  
5. Gusabira Itorero kwakira imvura y'umuhindo nk'uko Imana yabisezeranye kugira ngo umurimo urangire dutahe. Iki gihe ntabwo ari igihe cyo guhugira mu bucuruzi gusa nk'uko bisanzwe. Ni igihe cyo kurangiza umurimo no kwitegura kuzasanganira Yesu ubwo azaba agarutse.

## **Umunsi wa 34 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Kane w'isabato, 29 Mata 2020**

### **Gusenga buri gihe uciye bugufi**

“Kandi Uwiteka azabera abahatwa igihome kirekire. Igihome kirekire kibakingira mu bihe by'amakuba. Abazi izina ryawe bazakwiringira, kuko wowe Uwiteka, utareka abagushaka. Muririmbire Uwiteka utuye i Siyoni, mumuvugirize impundu. Mwamamaze mu mahanga imirimo yakoze. Kuko uhorera amaso abibuka, atibagirwa gutaka kw'abanyamubabaro. ” Zab. 9: 10-13

"Isengesho risenzwe rivuye ku mutima w'umuntu wifuza gukora ibigendanye n'ubushake bwa Shebuja ni iry'agaciro mu maso y'Imana kuruta imvugo ivuzwe neza gusa. Umuntu w'umukozzi ashobora kutagira ijamba mu nama zishinga amategeko, ntashobora kwemererwa kujya mu nama ya sena cyangwa gutora mu nteko

nshingamategeko, nyamara ariko afite uburenganzira ku Mana. Umwami w'abami aca bugufi ngo yumve isengesho rivuye ku mutima we uciye bugufi, wicuza. Imana itegera ugutwi amasengesho yose yasenzwe n'umuntu ufite kwizera akagera ku Mana ameze nk'umubavu uhumura neza. Umwana w'Imana ufite intege nke Imana ishobora kumwongerera imbaraga zikomoka mu nama mvajuru” That I may Know Him, p. 270

### **Ibibazo byo kuzirikana:**

Nkuko umwanditsi umwe yigeze kuvuga ati: "Umwibone ntiyumva kuko yiyumvisha ko azi byose.” Mbese hari uburyo waba waremeye ko ubwibone bugira uruhare mu myumvire yawe? Mbese hari ubwo waba waremeye ko ubwibone buyobora ururimi rwawe? , cyangwa bukagira uruhare mu masengesho yawe? Niba ariko biri, saba Imana ikwereke uko wasaba imbabazi kubo ubwibone bwawe mu kuvuga n'imibereho yawe byakomerekeje. Ariko niba Imana ishaka kumva amasengesho yacu, tugomba gukura ubwibone hagati yacu na bagenzi bacu kandi tukirinda kurwanya Imana.

(Soma muri Yakobo 4:10, Yes. 57:15)

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Turashimira Imana ko ariyo iyobora isi yose kandi ikaba ihora ku ngoma Nubwo ubuzima kuri benshi busa naho bubaruhije, dushobora kuruhuka no kubonera umutekano mu biganza by'Uhoraho iteka ryose wadusezeraniye ko atazadusiga twenyine cyangwa ngo adutererane. Ku bw'ibyo, uzirikane ko yabonye iki cyorezo cya COVID-19 mbere y'uko kiza ku isi, kandi nta kintu cyagira icyo gikora ku bugingo bwacu kuko buguma buhishwe mu biganza bye. Niba rero duhanganye n'uburwayi n'igihombo cy'amafaranga, cyangwa ibindi



bigeragezo ndetse n'umubabaro - reka dushimire Imana yacu ko ikiri ku ntebe yayo y'ubwami kandi ko iyo umwanzi atwerekeza mu kibi Imana yacu itwerekeza mu kiza..

1. Gusengera cyane abadafite Ijambo ryo kwirwanirira ubwabo no kugira ngo babone ubufasha bakeneye muri iki gihe cy'icyorezo.
2. Gusabira abana, abasaza, abatishoboye, n'abakobwa babyariye iwabo bari ku rugamba rwo gushakisha imibereho.
3. Gusabira impunzi ziri mu nkambi zo mu Burayi, Ubugereki, ndetse no mu bindi bihugu ku isi. Basabire kugira ngo babone ibyo bakeneye, mu buvuzi, no kubahiriza uburenganzira bwabo.
4. Komezera gusengera abamisiyoneri benshi bari ku mirimo yabo ahantu hatandukanye ku isi. Basabire kugira ngo ubone ibyo bakeneye mu by'umubiri n'umutekano.
5. Gusaba gukomeza kugira imbaraga no gusubiza mu buzima busanzwe abakize icyorezo cya Coronavirusi. Basabire gusubirana imibereho bari bafite mbere

**Umunsi wa 35 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatanu  
w'isabato, 30 Mata 2020**

**Gusaba kwakira Ubuntu bwa Kristo**

“Arambwira ati: Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho imbaraga nke ziri niho imbaraga izanjye zuzurira. Nuko nzanzezwa cyane kwirata intege nke zanjye ngo imbaraga za Kristo zinzeho. Nicyo gituma kubwa Kristo nzishimira intege nke

zanjye no guhemurwa, nzishimira n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago. Kuko iyo mbaye umunyantege nke ariho ndushaho kugira imbaraga.

2 Kor. 12: 9-10

“Imana izakorera ibikomeye abayizera bose. Niyo mpamvu abantu bayo bazi ko ari abanyantege nke ariko bakishingikiriza ku bwenge bwabo kandi ntibahe Imana umwanya mu buzima bwabo ngo ibongerere imbaraga. Imana izafasha abana bayo bayizera gusa mu bintu byose byihutirwa, mu gihe cyose bazayiringira kandi no mu gukiranuka bakayumvira. ” Patriachs and Prophets, p. 493

### **Ibibazo byo kuzirikana:**

Mu gihe wita cyane ku magambo ari mu Baheburayo 4:12, ubona ute Ijambo ry'Imana ryacengeye mu mutima wawe? Waba waraciriwe urubanza n'ikintu wasomye mu Ijambo ry'Imana vuba aha? Waba waragize icyo ukora ku myizerere yawe, cyangwa washyize ku ruhande icyo mwuka wera agushakaho? Ganira na mugenzi wawe ibyo utekereza kuri ibi bibazo. Noneho usabe Imana kugira ngo twe nk'abantu b'Imana twe kujya twumva Ijambo ry'Imana gusa kandi ngo turikunde gusa, ahubwo tugomba kubaho imibereho ijyanye n'icyo Ijambo ry'Imana rivuga.

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Turashimira Uwituka ibyigisho bitambuka mu buryo bw'amashusho, ibibwirizwa, amahugurwa y'iby'ubuzima, n'ubundi buryo bwakoreshejwe mu kwiga Ijambo ry'Imana muri ibi byumweru bike bishize. Ibi byigisho byiza byateguwe biyobowe na Mwuka wera bizafasha benshi muri iki gihe cy'icyorezo. Abantu b'Imana barangwe n'ubuntu bwayo.

1. Gusaba Imana ngo ihe umugisha amasezerano ari muri Zaburi 91: 7, avuga ngo.”Abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe ariko ntibizakugeraho”. Gusaba Imana ngo idutsindire icyorezo cya Coronavirusi.
2. Gusengera icyiciro cyo kubwiriza ubutumwa mu bigo bitari iby’itorero mu gihe bakora kugira ngo bahumurize kandi bakomeze abafite ibibazo kandi bafite ibyo bakeneye.
3. Gusengera abantu bo mu burasirazuba bwo hagati n’Aziya batotezwa bazira kwizera kwabo. Basabire kugira ngo bakomeze gukomera, kandi bereke urukundo rwa Yesu ababatoteza.
4. Komeza gusengera gahunda nshya zitegurwa n’inteko nkuru rusange iteganijwe ubu kuzaba ku ya 20-25 Gicurasi 2021, i Indianapolisi. Senga kugira ngo izayoborwe na Mwuka wera, no kuzashyiraho gahunda zizatuma umurimo ujya mbere kandi Umwuka Wera azayobore ibintu byose biteganywa kuzakorwa
5. Gusaba ngo Itorero ryakire imvura y’umuhindo, kandi ubutumwa bwiza bw’agakiza bugere ku mpande zose z’isi kandi dutebutse kugaruka Kwa Yesu Kristo